ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Kuri uyu wa Gatanu tariki ya 29/05/2009 ku cyicaro cy'Urukiko rw'Ikirenga ku Kimihurura, habereye inama yahuje Abayobozi b'Urukiko Rukuru n'Ingereko zarwo, ab'Inkiko Zisumbuye, Abanditsi Bakuru b'izo Nkiko n'Abagenzuzi b'Inkiko, ikaba yari iyobowe na **Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza Madamu CYANZAYIRE Aloyiziya**.

Iyo nama yari igamije gusuzuma ibyakozwe n'Inkiko mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2009 hakurikijwe amasezerano yo kunoza imikorere buri muyobozi w'Urukiko yashyizeho umukono mu ntangiro z'uyu mwaka.

Nyuma yo kumva no gusuzuma raporo zinyuranye zatanzwe n'abayobozi b'Inkiko ku bikorwa byagezweho mu gihembwe cya mbere cy'uyu mwaka, abari mu nama bishimiye:

- Intambwe Inkiko zimaze kugeraho mu rwego rwo gutanga ubutabera bwihuse, hacibwa imanza nyinshi kandi vuba, ibyo bigatuma ibirarane by'imanza bidakomeza kwiyongera mu Nkiko;

- Uburyo Inkiko zashyize imbaraga mu gukoresha ikoranabuhanga mu micungire y'amadosiye;

- Intambwe Inkiko zimaze kugeraho mu gutanga serivisi zinoze kubazigana.

Mu rwego rwo kurushaho kunoza imikorere hatangwa ubutabera bunoze kandi bwihuse, abari mu nama bafashe imyanzuro ikurikira:

1. Imanza z'ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu harimo na ruswa, zigomba kurushaho guhabwa ubwihutirwe kandi abahamwe n'ibyaha bagahanwa by'intangarugero hakurikijwe amategeko;
2. Abacamanza biyemeje kurushaho guca imanza z'indacyemwa, bihatira gukora ubushakashatsi mu by'amategeko, ibyemezo bafata bikagira uruhare mu kubaka "***jurisprudence***" nk'umusingi w'ubutabera bunoze;

3. Gahunda yo gusakaza imiyoboro y'ikoranabuhanga mu Nkiko zose igomba kwihutishwa kugira ngo byoroshye akazi ko kohererezanya dosiye hagati y'Inkiko no guhana amakuru ku buryo bwihuse "*document sharing*";
4. Mu rwego rwo kurwanya ruswa, abakozi b'Inkiko biyemeje kurushaho kugira uruhare mu gutahura no gutangaza ababa bagifite ingeso yo kwaka no kwakira ruswa mu Nkiko.

Muri iyo nama, Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yongeye kwibutsa abayitabiriye ko bakwiye guharanira kubaka ubutabera butarangwamwo ruswa, bazirikana ingaruka mbi igira ku iterambere ry'Igihugu.

Kigali, kuwa 29 Gicurasi 2009.

SEBAGABO B.Robert

Ushinzwe "*Protocole*" mu Rukiko rw'Ikirenga